MWIGISHA Spécial—Année Pastorale 2017—2018



MWIGISHA
Umukangurambaga w'Ukwemera

Umwaka wa VIII, N° Spécial

# UMWAKA W'IYOGEZABUTUMWA WA 2017-2018 MURI DIYOSEZI YA KABGAYI: "UMWAKA UDASANZWE W'UBWIYUNGE"

## ITAHWA RYA KILIZIYA YITIRIWE MUTAGATIFU FRANSISKO W'ASIZI YA PARUWASI YA KIZIBERE, ISOZWA RY'UMWAKA W'IYOGEZABUTUMWA WA 2016-2017 N'ITANGIZWA RY'UMWAKA MUSHYA W'IYOGEZABUTUMWA WA 2017-2018

### *IJAMBO RY'IBANZE*

Bakristu bavandimwe,

Umwaka w'Iyogezabutumwa wa 2017-2018, ni umwaka Kiliziya Gatolika mu Rwanda yahariye kuzirikana ku buryo budasanzwe ku ngingo y'ubwiyunge, ari nayo mpamvu yawise "Umwaka udasanzwe w'ubwiyunge". Dufite rero akamenyero ko gutangira buri mwaka Iyogezabutumwa twiha imigambi n'icyerekezo tuzakoreramo. Muri uyu mwaka, abakristu mu nzego zose tuzazirikana aho urugendo rw'ubwiyunge rugeze, mu mibereho n'imibanire no mu mikorere n'imikoranire byacu. Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, abo itishe yarabakomerekeje, abayirokotse n'abayikoze byadusabye urugendo rw'ubwiyunge. Ubu bugeze he? Ariko noneho two guhagararira aho turebe ibiteranya abanyarwanda, duce bugufi twiyunge by'ukuri.
Kwiyunga by'ukuri ni ukwiyunga n'Imana na mugenzi wawe, ukwiyunga nawe ubwawe ndetse n'ibidukikije. Nk'uko kandi tubisanga mu Ivanjili, " Hahirwa abatera amahoro."(Mt 5, 9). Ibi byose biratwereka ko duhamagarirwa kuba abatera amahoro, ubukristu bwacu bukatubyarira ubuvandimwe nyabwo.
Kugira ngo uyu mwaka uzatwerere imbuto nyinshi, ni ngombwa ko tuwuzirikana duhereye mu ngo zacu no mu miryangoremezo yacu, byo rerero nyaryo ry'urukundo, imico myiza, ubumuntu n'ubusabaniramana.

Nyagasani Yezu nabane namwe.

**+ Smaragde MBONYINTEGE**
**Umushumba wa Kabgayi**

Kuwa gatandatu, tariki ya 11 Ugushyingo 2017, nibwo Nyiricyubahiro Musenyeri Smaragde MBONYINTEGE hamwe n'abasaserdoti baturutse mu maparuwasi yose ya Diyosezi ya Kabgayi baturiye Igitambo cy'Ukaristiya mu Kiliziya nshya ya Paruwasi ya Kizibere. Hari hakoraniye imbaga nini y'abakristu ba Paruwasi ya Kizibere n'incuti zayo zo hirya no hino, cyane cyane abakristu ba Paruwasi ya Byimana, ari nayo yayibarutse. Hari kandi abihayimana benshi ndetse n'abayobozi bo mu nzego bwite za Leta. Ibi birori kandi byitabiriwe n'abayobozi b'inama nkuru z'amaparuwasi yose agize Diyosezi ya Kabgayi uko ari 29.



*Kiliziya ya Paruwasi Kizibere*

Impamvu nyamukuru z'ibyo birori zari ebyiri: Guha umugisha no kwegurira Imana Kiliziya nshya ya Paruwasi ya Kizibere, gusoza umwaka w'iyogezabutumwa wa 2016-2017 no gutangira umwaka mushya w'Iyogezabutumwa wa 2017-2018 muri Diyosezi ya Kabgayi.

Paruwasi ya Kizibere, ihereréye mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Mbuye. Yashinzwe kuwa gatandatu, tariki ya 5 Nyakanga 2014, ivutse kuri Paruwasi ya Byimana. Igizwe n'amasantrali ane, ari yo: Kizibere, Kageyo, Muhororo na Gako; ikagira abakristu bakabakaba 20050. bibumbiye mu miryango remezo 203.

Kiliziya nshya yatashywe kuri uyu munsi yitiriwe Mutagatifu Fransisko. Yahawe umugisha kandi yegurirwa Imana mu Gitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Smaragde Mbonyintege, Umwepiskopi wa Kabgayi; afatanyije n'imbaga y'abapadiri bose ba Diyosezi ya Kabgayi. Iyi kiliziya yubatswe mu gihe kingana n'imyaka 3; yuzura itwaye amafaranga y'amanyarwanda asaga miliyoni 198. Abafashe ijambo uyu munsi bashimiye

*Komeza ku rup.* 2

**Ibirimo**

1. Ijambo ry'ikaze……………………………………………..….1

2. I tahwa rya Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Fransisko w'Asizi ya Paruwasi ya Kizibere, isozwa ry'umwaka w'iyogezabutumwa wa 2016-2017 n'itangiwa ry'umwaka mushya w'iyogezabutumwa wa 2017-2018………………………………………….……1-3

3. Umwaka udasanzwe w'ubwiyunge mu ngo, mu muryango-re mezo no mu mashuri ……..…………………………....…….4-6

4. Umuryango w'abasaveri wiyemeje kubaka amahoro no guharanira ubumwe n'ubwiyunge……………………..…….6-7

5. Kabgayi, abayobozi ba santarali, abakateshiste ndetse n'abayobozi b'umuhimbazo w'ijambo ry'Imana, bibukijwe ko Kiliziya yubakiye ku buhamya bwabo………………..……..7-8

*"Nimukomera ku Ijambo ryanjye muzaba mubaye abigishwa banjye by'ukuri" (Yh 8, 31)*

Wondershare PDF Editor

# ITAHWA RYA KILIZIYA YITIRIWE MUTAGATIFU FRANSISKO W'ASIZI YA PARUWASI YA KIZIBERE, ISOZWA RY'UMWAKA W'IYOGEZABUTUMWA WA 2016-2017 N'ITANGIZWA RY'UMWAKA MUSHYA W'IYOGEZABUTUMWA WA 2017-2018

*Ibikurikira urup. 1*

cyane ubwitange n'ishyaka abakristu b'i Kizibere bagaragaje mu mirimo y'iyubakwa ryayo.

Gutangira umwaka mushya w'Iyogezabutumwa abakristu bataha kiliziya nziza nk'iyi biyujurije ni agahebuzo, kuko nabyo ubwabyo ari ikimenyetso gikomeye cy'ukwemera n'iyogezabutumwa rishinze imizi rwagati mu muryango w'Imana. Nibajye mbere kandi barusheho kwera imbuto nyinshi kandi nziza.

### INYIGISHO Y'UMWEPISKOPI MU GITAMBO CY'UKARISTIYA

***"Ishyaka mfitiye Ingoro yawe riramparanya" (Yh 2, 16)***

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu bavandimwe, muri uyu muhango wo kwegurira Imana iyi Kiliziya nziza ya Kizibere niho twahisemo gushyira n'uyu muhango wo gutangiza umwaka mushya w'Iyogezabutumwa muri Diyosezi yacu ya Kabgayi. Nahisemo gutangiza iri jambo ryiza riri mu Ivanjiri ya Yohani twumvise none ngo ***"Ishyaka mfitiye ingoro yawe riramparanya"(Yh 2, 16)***; ubwo Yezu yaharaniraga gusubiza agaciro Ingoro y'Imana yateshwaga n'abacuruzi ndetse n'abaherezabitambo babiku-ragamo inyungu. Iryo shyaka ry'Ingoro y'Imana, yayindi bashenye ku musaraba maze nyuma y'iminsi itatu Yezu Kristu agakuramo Ingoro nshya kandi nziza. Mu izuka rye niho Kiliziya ishingiye. Tuyubake rero nk'abagize umubiri we, amabuye mazima yubatse Kiliziya umubiri wa Kristu.

Dufite rero akamenyero ko gutangira buri mwaka Iyogezabutumwa twiha imigambi n'icyerekezo tuzakore-ramo buri mwaka, muribuka ko intego tugamije ari "**Iyogezabutumwa rivuguruye**".

Papa Fransisko, mu rwandiko rwe *"Evangelii Gaudium"* (Ibyishimo by'Ivanjili), yaduhayeho umugambi muri ibi bihe turimo. Kiliziya mu Rwanda, muri uko guhagurukira Iyogezabutumwa rivuguruye, yihaye imyaka itatu nk'umwihariko wayo:

2016: Umwaka w'Impuhwe
2017: Umwaka w'Ubusaserdoti
2018: Umwaka udasanzwe w'ubwiyunge

Turangije ibiri, dutangiye uwa gatatu. Umwaka w'Impuhwe z'Imana wadusigiye byinshi mu myumvire no mu mibereho ya gikristu ; cyane cyane udusigira amakipe y'Impuhwe z'Imana mbonamo imbaraga z'Iyogezabutumwa rivuguruye: abasura Ruhango kwa Yezu Nyirimpuhwe, na Byimana mu itsinda rigamije guhamya ukwemera no kwomora ibikomere by'amateka yacu, murabizi kurushaho. Aha sinakwibagirwa amakipe y'Impuhwe agen-



*Umwepiskopi asiga amavuta Altari*

da ashyirwaho hirya no hino mu maparuwasi, aho Yezu Kristu abuganiriza Impuhwe z'Imana ku bamwiyambaza. Hano biragaragara ko iyo utambye ugana Yezu na we aza agusanga. Ni imbuto ikomeye yeze ku mwaka w'Impuhwe, tuyikomereho rero. Umwaka wa Yubile y'ubusaserdoti twawungukiyemo byinshi : abapadiri, abakristu n'abepiskopi babo twawubanyemo rwose, kandi n'ubu ikinyotera cyawo kiracyakomeza kuducengera.

Aha ndagira ngo mbibutse kandi mbashishikarize mwese, cyane cyane abasaserdoti, imyanzuro yatanzwe n'Abepiskopi banyu mu isoza ry'umwaka wa Yubile y'ubusaserdoti. Ni impamba ikomeye twakubakiraho ireme ry'ubusaserdoti muri Kiliziya, cyane cyane mu bice bibiri bigize umutima w'ubwo butumwa :

**Icyo Yubile y'ubusaserdoti idusigiye:** Imibanire y'umusaserdoti n'Imana, imibanire y'umusaserdoti n'umwepiskopi we, imibanire y'umusaserdoti na bagenzi be, n'imibanire n'imikoranire ye n'abakristu ashinzwe. Aha iyo hakozwe neza haha icyanga n'isura ubusaserdoti bubereye umupadiri w'umunyarwanda muri Kiliziya yacu.

**Umusaserdoti: umuhamya wa Yezu Kristu Umushumba mwiza.** Padiri wambaye Kristu ku mubiri, umutwaye ku mutima, akamugaragariza mu migirire ye, cyane iyo avuga Ijambo ry'Imana, atura Ukaristiya, yakira abakristu.

Izi ngingo zombi ni umurage ukomeye Yubile idusigiye. Ntabwo tubitunze, ariko birahari kandi ubu tuzi neza icyo tuzaharanira kugeraho ; cyane ko na Yezu Kristu ubwe abidufashamo.

Noneho rero ku mwaka wa gatatu: dutangiye umwaka udasanzwe w'ubwiyunge.

Mu gihe cy'imyaka itatu ishize, twihaye ingingo esheshatu tugenderaho mu iyogezabutumwa ryacu nk'abanyakabgayi : Ubuzima bw'abapadiri n'ubutumwa bwabo. Imiryangoremezo, Ingo z'abashakanye n'uburere bw'abana, Iyogezabutumwa rivuguruye, Ukwibeshaho kw'amaparuwasi, Liturujiya n'ibi-ndi bikorwa by'iyogezabutumwa muri Diyosezi.

Muri uyu mwaka mushya w'Iyogezabutumwa dutangiye, izi ngingo ziragumaho, ariko noneho zititaje ibi dukesha iyi myaka ibiri turangije muri Kiliziya yose y'u Rwanda, hanyuma kandi zikagendera zose ku ibanga ry'ubwiyunge dushyize imbere. Tuzagenda tugaragaza uko buri ngingo yashyira mu bikorwa. Inshingano y'ubwiyunge mu mibereho no mu mibanire yacu, ubwiyunge bushingiye ku mpuhwe z'Imana no ku myumvire myiza y'ubutumwa bwacu nk'abasaserdoti, bizatwinjiza neza mu mwaka wa 2019 ; umwaka wo kwibuka ku nshuro ya 25 jenoside yakorewe abatutsi, tutibagiwe ibikomere byinshi yadusigiye twese abanyarwanda.

Kuwa 28 Ugushyingo 2017, tuzakora inama rusange y'abasaserdoti, aho tuzafatira hamwe ibyo tuzakora muri iki cyerekezo twihaye. Ukwezi kwa mbere kwa 2018 kandi kuzarangira nciye mu turere tw'Iyogezabutumwa *(doyennés)* twose, ngirana inama n'abasaserdoti ; ngo turebe uko buri karere k'Iyogezabutumwa kabyifatamo. Sinibagiwe kwibutsa ko hariho imyiherero y'abapadiri bose ba Diyosezi yacu izakorwa mu byiciro bitatu, mu kwezi kwa cumi na kumwe n'ukwa cumi n'abiri 2018. Ntawe uzacikanwa na kimwe muri ibyo byiciro, kandi niwo mu-

Komeza ku rup. 3

wondershare™
PDF Editor

# ITAHWA RYA KILIZIYA YITIRIWE MUTAGATIFU FRANSISKO W'ASIZI YA PARUWASI YA KIZIBERE, ISOZWA RY'UMWAKA W'IYOGEZABUTUMWA WA 2016-2017 N'ITANGIZWA RY'UMWAKA MUSHYA W'IYOGEZABUTUMWA WA 2017-2018

*Ibikurikira urup. 2*

singi ngombwa ibi tuvuga byose bizashingiraho. Iyi myiherero, bakristu bavandimwe, nyishyize mu biganza byanyu ; ngo muzaherekeze abasaserdoti banyu muri iri sengesho rya buri mwaka bagomba kujyamo. Bamwe muzi gukora noveni, muzayidukorere kugira ngo iyi myiherero yacu izere imbuto zigera ku bakristu mwese.

Ndangije mbashimira kandi mbaragiza Umubyeyi Bikira Mariya, Umwamikazi wa Kibeho.

Nyagasani Yezu nabane namwe.

**Igisingizo cya Paruwasi ya Kizibere**
**KIZIBERE MPANO Y'IMANA**

Kizibere dukunda Paruwasi
yacu ngobyi iduhetse
Dushimire Imana yakuduhaye
Abakristu twese tukuririmbe
Uri ishema rya Kabgayi.
Waraje udutera ibyishimo
Iya gatanu nyakanga
Bibiri na cumi na kane uba
urashinzwe
Waragijwe Fransisko w'Asizi
Tumwigane ingiro n'ingendo.
Cumi n'imwe Ugushyingo
uhawe umugisha
Bibiri na cumi na karindwi
Abakristu twese tuvuze impundu
Twishimire iteka tugutaramira
Tukurate mpano ya Rurema.
Mugabuzi w'amahoro y'Imana
Ibigwi byawe ntibigasaze
Ishyaka n'umurava by'abagutuye
Bijye bidufasha kugusigasira
Duhore iteka turi abatarushwa.

## INGINGO ESHESHATU Z'INGENZI MU IYOGEZABUTUMWA RYA DIYOSEZI YA KABGAYI

Mu ibaruwa ye yo kuwa 16 Nyakanga 2014, Nyiricyubahiro Musenyeri Smaragde MBONYINTEGE, Umwepiskopi wa Kabgayi, yatanze ingingo esheshatu Iyogezabutumwa rya Diyosezi ya Kabgayi rigomba gushingiraho. Izo ngingo, ari nazo tuzakomeza kugenderaho, ni izi zikurikira:

**1. Ubuzima bw'abapadiri n'ubutumwa bwabo**
Iyi ngingo y'ubuzima bw'abapadiri n'ubutumwa bwabo ni ishingiro ry'Iyogezabutumwa muri Paruwasi. Imibereho ya Padiri ubwayo ni Iyogezabutumwa, kandi Padiri akaba umuhamya ngenderwaho w'Ivanjiri ya Kristu. Imibereho ye n'imyitwarire ye bishobora kunoza cyangwa se gutubya ibakwe ry'Iyogezabutumwa. Imyiherero ya Padiri, amahugurwa ye n'ubuzima bwe muri rusange ni ishingiro ry'Iyogezabutumwa. Agomba nanone kumenya ko adakora wenyine yifashisha abakateshiste n'Inama ya Paruwasi n'abandi bashinzwe imirimo itandukanye mu buzima bwa Paruwasi.

**2. Imiryangoremezo:**

Nubwo aho tugeze ari heza muri gahunda y'Imiryangoremezo, ariko hari intambwe igomba gukomeza guterwa. Imiryangoremezo igomba kuba ishingiro ry'Iyogezabutumwa muri Paruwasi. Kuyiha agaciro no kuyisura bituma Paruwasi isusuruka kandi ikagera kuri byinshi. Ivanjiri ya Yezu Kristu igomba kugaragarira mu buzima busanzwe, kandi mu miryangoremezo niho bigaragarira.

**3. Umuryango n'uburezi bw'abana:**

Imibanire myiza y'abashakanye n'uburere bw'abana nibyo byubaka Kiliziya, bikanatanga amahoro mu gihugu. Ingo z'abashakanye zahawe umwanya w'ibanze muri Kiliziya. Umuryango ni ingenzi mu buzima bwa Kiliziya n'ubw'igihugu, kandi imiterere yawo ikagira ingaruka ku buzima bw'abana.

**4. Iyogezabutumwa rivuguruye**

Tugendeye ku ibaruwa ya Papa Fransisko *"Evangelii Gaudium"* (Ibyishimo biva ku Ivanjiri), ubutumwa bw'agakiza bwa Kristu bugomba guhindura imibereho y'umukristu kandi bukabyutsa muri buri mukristu ishyaka ryo kuba intumwa ya Kristu mu bandi, uhereye ku bakuri hafi. Ibi bihe turimo birasaba uburyo bushya bwo kwigisha Ivanjiri.

**5. Kwibeshaho kw'amaparuwasi n'ibindi bikorwa by'iyogezabutumwa muri Diyosezi**

Hashize igihe amaparuwasi asabwa gukora ku buryo yibeshaho mu bikorwa byose by'iyogezabutumwa, harimo gutunga abapadiri no kubafasha mu ngendo nsohozabutumwa. Koko rero ahenshi ubu birakorwa, ariko tugomba gukomeza kubiteza imbere; aho Inama ya Paruwasi n'abasaserdoti ba Paruwasi bahora bigira hamwe icyazamura umutungo wa Paruwasi yabo bakiga n'uburyo bwiza wakoreshwamo. Ibyo bisaba gukora raporo, gukora ingengo y'imari no guteganya ibizakorwa. Ibi bigomba gukorwa mu maparuwasi, mu mashuri no mu bindi bikorwa bibereyeho guteza imbere Iyogezabutumwa rusange.

**6. Liturujiya:**

Liturujiya ni aho ikoraniro ry'abakristu bakirira ubutumwa bw'umukiro Yezu Kristu yatuzaniye: ibyo bigakorwa twumva Ijambo ry'Imana, turisobanurirwa, tugasenga, tukaririmba, tugahabwa Ukaristiya twatuye, n'andi masakramentu. Ibi rero bisaba ko liturujiya iba iteguwe neza, kandi igakorwa neza. Ni ngombwa ko abayigiramo uruhare bose bamenya uko bafatanya batabusanya. Ku bijyanye n'indirimbo zikoreshwa muri liturujiya, bigaragara ko amakorali yacu yateye intambwe.
ikomeye mu gutera ubushyuhenyobokamana muri liturujiya yacu. Ariko hari byinshi bigomba kunozwa kugira ngo hatazabaho gutana. Abaririmbyi, by'umwihariko abayobozi babo, bagomba kuba bazi ibice bigize liturujiya no kubihuza n'indirimbo bateguye.

**Padiri Jean-Paul MANIRIHO**
**Umunyamabanga wa Evêché ya Kabgayi**

wondershare™ PDF Editor

# UMWAKA UDASANZWE W'UBWIYUNGE MU NGO, MU MURYANGOREMEZO NO MU MASHURI

## A. MU NGO NO MU MIRYANGOREMEZO

Basomyi ba Mwigisha, turi mu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge (2018) nk'abakristu Gatolika bo mu Rwanda, uyu mwaka waje ukurikira indi ibiri twizihije, ari yo: Umwaka w'Impuhwe (2016) n'Umwaka w'Ubusaseridoti (2017). Iyi gahunda y'imyaka itatu iteguye mu buryo umwaka umwe ugenda utegura uwukurikira, bityo imyanzuro yawuvuyemo n'imbaraga zawuvomwemo bikawushyigikira. Uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge ari na wo usoza iyi gahunda y'imyaka itatu, ugamije kudufasha gusuzuma aho urugendo rw'ubwiyunge rugeze, mu mibereho n'imibanire byacu; cyane cyane komu mateka yacu nk'abanyarwanda hagaragayemo uruku-ndo ruke, akarengane, ivangura, ihezwa, ikandamizwa, ubwicanyi intambara, ubuhunzi, ihohotera n'ubugome bukabije, byageze no kuri jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 turi hafi kwibuka ku nshuro ya 25.

Nk'uko Abepiskopi bacu babitwandikiye mu ntangiriro y'uyu mwaka mu ibaruwa bise **"Kristu ni we bumwe bwacu"** (reba *Ibaruwa Abepiskopi Gatolika bandikiye abakristu mu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge*, Pallotti Presse, Kigali Mutarama 2018), ubwiyunge ni inzira ndende y'ubusabaniramana igizwe n'intambwe enye zidatana: kwiyunga n'Imana, kwiyunga na mugenzi wawe, kwiyunga nawe ubwawe no kwiyunga n'ibidukikije. Nk'abakristu kandi, dusabwa kuzirikana kuri iyi ngingo y'ubwiyunge, tumurikiwe n'Ijambo ry'Imana tuvomamo imbaraga za Roho Mutagatifu n'urumuri rwa Kristu.

Kugira ngo uyu mwaka tuzawunyungutire binoze kandi utwerere imbuto nyinshi, ni ngombwa ko tuwuzirikana duhereye mu ngo zacu no mu miryangoremezo yacu; byo rerero nyaryo ry'u-rukundo, imico myiza, ubumuntu n'ubu-sabaniramana. Ni ho hantu h'ibanze twigira kunyura Imana n'abantu.

**Ubutumwa bw'ibanze bw'umuryangoremezo**

Umuryango remezo ufite ubutumwa mu Iyobokamana n'ibikorwa by'urukundo bijyanye naryo. Ugomba kugera ku busabane bw'abakristu n'ubuvandimwe burangwa n'ibikorwa bimurikiwe n'Ivanjiri. Ni umuryango ku bwa Roho, ariko kandi ukaba n'umuryango ugaragara. Ugomba kugera ku kugaragaza ishusho nyayo y'umuryango: aho buri wese yiyumva, yisanga kandi yumva ko arebwa n'ubuzima bwa mugenzi we. Mu muryangoremezo, tugomba kubana na buri muntu wese, tukamwakira uko ari kandi tukamufasha nk'abakristu.

Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa kitubwira uko abakristu ba mbere babagaho mu ngo zabo, ndetse no mu ikoraniro ryabo nagereranya nk'umuryangoremezo wa mbere wabayeho. "*Abemera bose bari bashyize hamwe, n'ibyo batunze byose bakabigira rusange. Bagurishaga amasambu yabo n'ibintu byabo, kakagabana ikiguzi cyabyo bakurikije ibyo buri muntu akeneye. Iminsi yose bashishikariraga kujya mu ngoro y'Imana bashyize hamwe, bakamanyurira umugati imuhira, bagasangira mu byishimo no mu bwiyoroshye bw'umutima (Intu 2, 42.44-46)".* Iyi mibereho



y'umuryangoremezo wa mbere, iranatwereka uburyo dukwiriye kubaho mu ngo no mu miryangoremezo byacu: tugomba kurangwa mbere na mbere no gushyira hamwe kivandimwe, gutungwa n'Ijambo ry'Imana, gusangirira hamwe isengesho cyane cyane Igitambo cy'Ukaristiya, kumva no kurazwa ishinga n'akababaro ka mugenzi wanjye, kwita ku bakene, gusabana n'abandi no gusangira byose mu byishimo no mu bwiyoroshye. Nk'uko byigaragaza iyi mibereho y'abakristu ba mbere yuje ingabire yo kunga ubumwe.

Kiliziya kandi iha ubutumwa bwihariye imiryangoremezo yacu. Mu magambo make, ubwo butumwa bukubiye mu ngingo z'ingenzi zikurikira:

**Kwita ku bapfakazi n'imfubyi:** Mu muryangoremezo hagomba kugaragara urukundo ruhamye ku bawutuye bose. Imfubyi n'abapfakazi bagomba kwita-bwaho. Ntibakwiye kubaho nk'abatagira gishyigikira kandi bari mu muryango.

**Gufasha abakene:** Mu Byanditswe Bitagatifu, kenshi Kristu agaragariza uru-kundo rwe abakene, abanyantege nke n'abatagira kivurira. Gufasha abakene ni inshingano ikomeye ya buri mukristu, ikaba iri no mu itegeko ry'Imana ry'urukundo. Ni ngombwa ko mu muryangoremezo hasuzumanwa ubwi-tonzi ibibazo birebana n'ubukene, kandi bigafatirwa ingamba zo kubikemura.

**Kwita ku ngo z'abakristu:** Uwo murimo ni uwo gushyigikira abashakanye mu byishimo n'ingorane bahura nazo. Umuryango remezo ufasha ababyeyi kurera abana babo gikristu no kubana neza n'abaje babagana, bakabagiraho incuti n'abavandimwe. Nk'uko Kiliziya yakunze kubyamamaza, urugo ni Kiliziya nto. Ni ho twese tuvana umutima ukunda Imana n'abantu. Ibibazo bibangamiye ubukristu muri iki gihe, bishingiye mbere na mbere ku kudohoka k'ubukristu mu ngo. Urugo ni rwo gicumbi cy'urukundo n'amahoro umuntu akenera mu buzima bwe, ni ho umugabo n'umugore bagubwa neza, bakagaragaza ibyiza by'Isakramentu ry'ugushyingirwa. Mu muryangoremezo rero, tugomba kwita by'umwihariko ku bukristu mu ngo, gufasha abatandukanye gusubirana, gufasha ababanye nabi kugororoka, gushishikariza ingo isengesho, no kwitabira amahuriro anyuranye y'abakristu, kwita ku basore n'inkumi bitegura gushyingirwa, kugandura abishyingira, n'ibindi.

**Kwita ku bakristu baguye:** Mu bukristu, abafite imbaraga bagomba gusindagiza abanyantege nke. Buri mukristu mu muryangoremezo agomba guhagurukira gushakashaka abaguye cyangwa abadohotse. Icyo gihe aba akoze umurimo wo kubunga n'Imana, akanabunga n'umuryango wayo, ari wo Kiliziya.

**Kwita ku bana n'urubyiruko:** Abana n'urubyiruko bakeneye abakuru bo kubahwitura mu byo bakora, mbese bakeneye urugero rwiza. Hari abana badafite ababyeyi: imfubyi ndetse n'inze-rerezi. Hari n'abafite ababyeyi ariko ntibabane, banabana ntibavuge rumwe. Umuryangoremezo ugomba kunga abana n'ababyeyi babo, kureba ubukristu bwa bose, no gutegura urubyiruko rufite aho rugana hanyuze Imana n'abantu.

Ababyeyi, abarezi ndetse n'abandi bose bafite ubushishozi mu byerekeye uburezi bahamagarirwa gushyira imbaraga mu rubyiruko, kuko ari rwo mizero y'ejo hazaza ya Kiliziya ndetse n'igihugu.

**Kunga abantu:** Kugira ngo abagize umuryango remezo babe koko abavandimwe, bagomba guteganya umurimo wo kunga abafite icyo bapfa. Uwo murimo ukwiriye gushingwa abavandimwe bagira ibanga n'ubushishozi, bizewe n'abandi, bazi gushyira mu gaciro, kandi bacisha make. Aba bantu rero bafite ubutumwa bukomeye bwo kunga abandi, kurwanya amakimbirane, urwango n'inzika mu ngo no

*Komeza ku rup.* 5

Wondershare PDF Editor

# UMWAKA UDASANZWE W'UBWIYUNGE MU NGO, MU MURYANGOREMEZO NO MU MASHURI

*Ibikurikira urup. 4* mu baturanyi. Kugaruka cyane kuri izi nshingano z'ibanze z'umuryangoremezo, ni uburyo bwiza bwo kwizihiza uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge, kuko na zo ubwazo usanga ari ho ziganisha.

**Ubwiyunge nyabwo bujyana no kumenya gusaba imbabazi, gutanga imbabazi no guhinduka**

Gusaba imbabazi ku wacumuye, gutanga imbabazi ku wahemukiwe, ndetse no gufata umugambi wo guhinduka, ni ibintu bitatu biremye ubwiyunge. Ni ngombwa rero ko iyi migenzo myiza, ishinga imizi iwacu mu ngo no mu miryangoremezo yacu. Ababyeyi ndetse n'abarezi bafite inshingano yo kubitoza abana bato bakabibyirukana, kugeza ubwo byahinduka umuco mu bantu. Nyamara kandi, ntibyagerwaho bidashingiye ku mugenzo mwiza w'ubwiyoroshye imbere y'Imana n'imbere ya mugenzi wanjye.

Ubwiyoroshye ni umugenzo mwiza ushibukaho indi yose. Navuga ko ari na rwo rufunguzo rw'umuryango w'ubwiyunge n'amahoro. Muri uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge, iyi ngingo na yo tuyizirikaneho cyane. Ubwiyoroshye bujyana no kumva ko ndi umunyantege nke, kumva ko mugenzi wanjye ari umunyantege nke nkanjye, ndetse ko ashobora no kugira intege nke kundusha. Kumva neza intege nke zanjye n'iza mugenzi wanjye, bituma ntabona uwancumuyeho nk'umwanzi ngomba kurwanya no guhangana na we, ahubwo nka mugenzi wanjye koko: wa wundi unkeneye kandi ngomba kugirira neza, Yezu atubwira. Mu by'ukuri, icyaha ni cyo bukene busumba ubundi; kandi ubabariye aba akijije byinshi.

Uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge nutahe ingo zacu, amahuriro yacu, imiryango n'imiryangoremezo byacu, ndetse n'andi matsinda duhuriramo. Uzatubere umwanya mwiza wo kuvugurura imibereho n'imibanire, imikorere n'imikoranire byacu. Uzadufashe kurushaho kunga ubumwe no kubaka ubuvandimwe nyabwo nk'abakristu by'umwihariko; bityo turusheho kubaka ejo heza hanyuze Imana n'abavandimwe bacu.

## B. UMWAKA UDASANZWE W'UBWIYUNGE MU MASHURI

Basomyi ba Mwigisha, tumaze kuzirikana ku mwaka udasanzwe w'ubwiyunge cyane cyane mu ngo zacu no mu miryangoremezo yacu. Aha hantu hombi harakomeye kuko niho rerero nyaryo ry'urukundo, imico myiza, ubumuntu n'ubusabaniramana; hakaba kandi ahantu h'ibanze twigira kunyura Imana n'abantu. Ubu noneho reka tuzirikane kuri uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge mu mashuri y'inshuke, abanza, ayisumbuye ndetse n'amakuru.

Iyo uvuze ishuri, humvikana umunyeshuri, abarimu, ababyeyi, abakozi banyuranye, yemwe n'inyubako z'ishuri ubwazo. Iyo aba bantu bose tumaze kuvuga bashyize hamwe, umurimo wo kurera ugenda neza. Iyo kandi babusanya mu myumvire, mu mikorere no mu mikoranire, ibikorwa byabo ntibirasa ku ntego, maze uburezi bukadindira. Kuvuga ishuri kandi humvikanamo n'inyubako zaryo ubwazo, kuko ari zo ziranga icyo zishushanya; uzibonye akagira ati "dore ku ishuri", yaba umunyeshuri ati "ngiye ku ishuri" cyangwa se "mvuye ku ishuri". Ishuri ryubatse neza ritera amatsiko ababyeyi, abana, n'abarezi; rikabatera ishyaka ryo kuhigira, cyangwa kuharerera, kandi rikagira n'uburyo ribumbira hamwe abarikoreramo bose. Uko ishuri riteye na byo ubwabyo bitanga umurongo w'imibereho, imikorere, imyitwarire, gushyira hamwe; cyangwa se



**Abarezi batoza abanyeshuri babo gushyira hamwe**

rikabizambya. Ni nayo mpamvu uwubaka ishuri aba agomba no gutekereza kuri iyo ngingo yo gufasha abazaritura bose kurushaho kwegerana.

Uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge turimo, ugomba kugera mu mfuruka zose z'imibereho y'abanyarwanda. Ibigo by'amashuri nabyo bisabwa gutekereza uburyo buboneye bwo kuwizihiza, ku buryo wafasha buri wese mu barezi n'abarerwa kwigosoramo icyakurura urwango, amakimbirane, amacakubiri n'ibindi byose bishamikiraho; hakimakazwa ubuvandimwe, ubwumvikane, ubusabane, no gutahiriza umugozi umwe mu bigo by'amashuri.

Abahanga mu by'ubumenyamuntu bahamya ko ku ishuri ari ho umwana muto atangira kurushaho kwimenya no kumenya abandi. Niho agenda avumbura ibyo anyuraniyeho na bagenzi be, akabona ibyo abarusha, ibyo bamurusha, intege nke ze: mbese agatangira kwipima no kwiyumva mu ruhando rw'urungano, agasohoka atyo mu bwikunde no kwiyemera, akamenya ko hirya ye hari abandi hakaba n'ibindi. Twavuga ko umwana w'incuke usohotse mu rugo akerekeza iy'ishuri aba ateye intambwe ya kabiri, nyuma y'intambwe ya mbere yo kuvuka akisanga mu rugo iruhande ry'ababyeyi, abavandimwe be cyangwa se abamurera, bamukorera byose nta muhate asabwa. Ku ishuri ahasanga abandi bana bangana, maze hamwe na bo bakumvira abandi babyeyi ari bo barimu. Icyo gihe aba atangiye kuba umuntu w'abandi, ni ukuvuga umuntu utibereyeho gusa, ahubwo ugomba kubaho, kubana no kuberaho abandi. Turabizi mu mugani wacu wa kinyarwanda "kubaho ni ukubana". Uyu mwana rero agomba gushishikarizwa cyane n'abamurera kumva bagenzi be, kubakira no kuborohera; kabone n'iyo byaba bimusaba guhara ishema rye ariko ritanyuze mu mucyo.

Hari ibintu byinshi bishobora kubangamira ubuvandimwe mu mashuri ndetse bikabangamira n'ubwiyunge iyo hari abagize ibyo bapfa. Aha ntitubirondora, ariko ni byiza ko dushishikariza buri wese kubitekerezaho. Ibyinshi muri byo ni ibibangamiye umuryango nyarwanda muri rusange, kuko buri wese agira aho aturuka, amateka y'umuryango we, y'incuti ze, ay'aho atuye, amatwara ye bwite, intege nke ze n'ibindi. Gusa rero nta shiti, twese dusangiye ibibazo: ibimpangayika binahangayika bagenzi banjye, n'ibihangayika bagenzi banjye bingeraho byanze bikunze. Ibyo bimpa inshingano zo gushakira hamwe n'abandi ibisubizo by'ibibazo byaba bitwugarije muri rusange, ariko kandi no kumva amavu-nane yihariye ya mugenzi wanjye nkayabera igisubizo.

Abarezi cyane cyane bo mu mashuri y'incuke n'abanza bafite inshingano yo gutoza abana imigenzo myiza yo koroherana, kubabarirana, kwihangana, kutihanira iyo bagenzi bacu badukoshereje, gusangira tudacurana, kutavunishanya, gukemura mu mahoro impaka zinyuranye zishobora kuvuka hagati y'abana ubwabo, cyangwa se n'ibyo batumva neza mu byo babwirwa n'ababyeyi ndetse n'abarezi babo. Ni ngombwa kandi gutozwa kubaha n'abo batazi, batabana cyangwa se batiga hamwe. Urugero: hambere, hari ubwo abana bakinaga imikino ihuza ibigo kubera umubano bifitanye cyangwa se ari n'amarushanwa yateguwe, ugasanga iteka isojwe n'imirwano: induru n'amabuye bikavuga, inkoni zikarisha. Bene ibyo si iby'i Rwanda. Ubundi ukinnye agatsindwa yaranzwe

*Komeza ku rup.* 6

Wondershare PDF Editor

## UMWAKA UDASANZWE W'UBWIYUNGE MU NGO, MU MURYANGOREMEZO NO MU MASHURI

*Ibikurikira urup. 5*

n'ishyaka ryo kuzatsinda ubutaha, kandi umunyeshuri wiga ku kindi kigo cyangwa ufite icyo akurusha wese ntabe mukeba, ahubwo mugenzi wawemusangiye intego. Imigenzo myiza nk'iyo rero, nta handi igusha uretse ku mahoro, ubumwe n'ubwiyunge; kandi kuyitoza ni kare, ntibyizana umuntu ashaje!

Abiga mu mashuri yisumbuye ndetse na za kaminuza, baba baciye akenge. Baba bitegura na bo kugira inshingano ku bandi, zaba izo kurera cyangwa se kuyobora. Bakwiriye kuba umusemburo w'ubwiyunge aho bari hose, bakabitoza barumuna babo twavuze haruguru, kandi bagahora batekereza ejo hazaza heza ha buri wese ndetse n'ah'igihugu cyacu. Ntibikwiriye na busa ko abanyabwenge baba ba nyirabayazana b'inabi. Muri uyu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge, ababishoboye bazazirikane ku ngingo y'ubwiyunge mu mashuri barimo; ku ntambwe yatewe ndetse no ku rugendo tugifite kugira ngo tugere ku bumwe bwuzuye.

Abayobozi, ababyeyi, abarezi n'abandi bose bitangira uburezi nibafate iya mbere mu kuba abanyamahoro. Ni bo abarerwa bose bareberaho. Iyo bateye ni yo abanyeshuri bikiriza.

Aka ya ndirimbo y'umunyarwanda, kugira impuhwe, gufasha abababaye, kwicisha bugufi, kurangwa n'ikinyabupfura, gukunda abandi utavanguye amoko, urukundo rudashingiye ku nyungu, kubaha bose, kwakira neza abakugana, kuvuga neza, kumvira abakuru, kugira umurava, kuba intwari, kwanga umugayo, kunyurwa n'utwawe, gucisha make, kwirinda kuzimura, kuvuga ukuri, kudatiriganya, kwizera Imana, gushishoza, kuba intangarugero, kwihesha ishema, kugira umutima n'uburere, guhorana urukundo, gushyira mu gaciro, kurenganura urengana, n'ibindi nk'ibyo: ntibigombera amashuri, ntibigomba amafaranga cyangwa se ngo bisuzuguze ubigize! *(Reba indirimbo "Bibananiza iki?" y'umuhanzi Byumvuhore).* Abanyeshuri babitozwa umunsi ku wundi bo noneho byagombye kubaranga karijana. Nitubyimakaze mu mashuri yacu, cyane cyane tubizirikaneho muri uyu mwaka wihariye.

Ubwenge si ukumira bunguri gusa ubumenyi mwarimu aguha mu ishurin'ubwo usoma mu bitabo, ahubwo ni ugutapfuna ibyo wiga, ukabibyaza ubuhanga bumurikira intambwe z'ubuzima bwawe n'ubwa bagenzi bawe. Buri murezi agomba kumva ko atagomba guhusha ingingo yo kurera umutima w'umunyeshuri we, kuko ari na wo uhobera ibyo ubwenge budashyikira. Ubwiyunge nyabwo duharanira ni ubushinze imizi mu mutima wa buri wese, kandi bushyigikiwe n'imigenzo myiza mbonezamana na mbonezamubano. Amashuri yacu nabe koko amarerero

## UMURYANGO W'ABASAVERI WIYEMEJE KUBAKA AMAHORO NO GUHARANIRA UBUMWE N'UBWIYUNGE

Tariki ya 19/5/2018, abasaveri baturutse mu maparuwasi ya Diyosezi Kabgayi bahuriye ku Kamonyi mu gikorwa cyo kwibuka abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994. Iki gikorwa cyateguwe n'ubuyobozi bw'umuryango w'abasaveri muri Diyosezi ya Kabgayi bafatiye ku cyerekezo cya Kiliziya Gatolika mu Rwanda iri mu **mwaka udasanzwe w'ubwiyunge**, banafatira ku cyerekezo cy'Umuryango w'Abasaveri mu Rwanda muri uyu mwaka wa 2017-2018 kigira kiti **"Twubake amahoro duharanira ubumwe n'ubwiyunge".** Iki gikorwa cyakozwe mu byiciro bitatu cyabimburiwe n'Igitambo cya Misa yo gusabira abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 cyayobowe na Padri Alphonse Ndagijimana, Omoniye w'Abasaveri muri Diyosezi Kabgayi watangiye Misa abwira abasaveri ko gusabira abacu bapfuye ari kimwe mu bikorwa birindwi by'impuhwe bijyanye n'ubuzima bwa roho, akomeza agira ati: *"Twebwe nk'abasaveri muri diyosezi Kabgayi duteraniye hano mu Kiliziya ya Paruwasi Kamonyi kugira ngo aba twaje gusabira tubagaragarize impuhwe baburiye kubagombaga kuzibagaragariza".* Yakomeje agira ati: *"Abo umwanditsi w'igitabo cy'ubuhanga twumvise mu isomo rya mbere yita ibipfamutima munyemerere mbagereranye n'aba-teguye Jenoside yakorewe abatusi mu 1994 ndetse n'abayikoze; bishe abatutsi bibeshya ko bapfuye burundu. Icyo*



***Abasaveri baremeye umwe mubarokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994***

*abakoze Jenoside bafashe nk'ishyano rigwiriye abatutsi hagambiriwe kubarimbura nticyagezweho, kuko nubwo abatusi bazize Jenoside yabakorewe mu 1994 bagiye kure yacu, dufite amizero y'uko bahawe ingororano zitagereranywa aho bibereye mu mahoro, kuko nyuma yo kuvutswa ubuzima bwabo hano ku isi basanze Nyagasani Yezu Kristu mu bwami bwe kandi nk'uko Yezu ubwe yabiduhamirije mu Ivanjiri, umusanga wese ntazamujugunya hanze; kuko icyo Imana Data ishaka ni uko hatagira n'umwe uzimira ahubwo bose bakazazuka ku munsi w'imperuka".*

Igitambo cy'Ukaristiya gihumuje, abasaveri bari bitabiriye iki gikorwa bakomerejeho bakora urugendo rwo kwibuka abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, bahagurukiye ku Kiliziya ya Paruwasi Kamonyi bamanuka berekeza ahubatse urwibutso rw'Akarere ka Kamonyi rushyinguyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, ruherereye mu Kibuza mu Murenge wa Gacurabwenge, aho bageze bagasura urwibutso bayo-bowe n'umukozi w'Akarere ka Kamonyi Ushinzwe Urubyiruko Umuco na Siporo, nyakubahwa Albert Kayiganwa, ari na we ufite mu nshingano ze ibikorwa byo kwibuka muri ako Karere; anayobora igikorwa cyo kunamira abashyinguye muri urwo rwibutso no gushyira indabo ku mva ishyinguyemo imibiri yabo.

Igice cya gatatu cyari cyahariwe gutanga ubutumwa. Umukozi w'akarere ka Kamonyi ufite ibikorwa byo kwibuka mu nshingano ze yagarutse ku kamaro ko kwibuka abazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 ndetse no ku kamaro ko gusura inzibutso agira ati :*"Turashimira abasaveri bahisemo gutegura uru rugendo rwo kwibuka kuko ari uburyo bwiza bwo kwigisha urubyiruko ndetse no kugaragaza ko Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 atari inkuru mpimbano ahubwo ari ibyabaye".* Intumwa ya Ibuka mu Karere ka Kamonyi yashimiye abasaveri kuri iki gikorwa yise igikorwa cya kimuntu, ashimira cyane kandi kuba iki gikorwa cyitabiriwe n'abantu biga-njemo urubyiruko n'abana aho yagize ati : *"Mwebwe rero mumaze gusura uru rwibutso rushyinguyemo imibiri y'abacu, mubonye ibime-*

**Komeza ku rup. 7**

Wondershare
PDF Editor

# UMURYANGO W'ABASAVERI WIYEMEJE KUBAKA AMAHORO NO GUHARANIRA UBUMWE N'UBWIYUNGE

Ibikurikira urup. 6 *nyetso bigaragaza ko Jenoside yakorewe abatutsi yateguwe kandi igakoranwa ubugome ndengakamere. Ubwo mwaje muhagarariye bagenzi banyu benshi nimutaha mubabwire ko mwabonye neza ko Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 ari ukuri kugaragarira buri wese aho kuba inkuru abantu bahimbye nk'uko hari bamwe bajya bashaka kubibumvisha kandi nabo mubakangurire kujya basura inzibutso kugirango bige ukuri kw'ama-teka yaranze u Rwanda bizabafasha guhashya ababeshya".*

Umutware w'abasaveri mu Rwanda, Bwana Viateur Bicari, wari waje kwifatanya n'abasaveri ba Diyosezi Kabgayi mu butumwa yatanze yibanze ku bikorwa by'inyabutatu biranga abasaveri, aribyo : ibikorwa by'urukundo, ibikorwa by'amajyambere ndetse n'ibikorwa bya gitumwa ; bityo ashishikariza urubyiruko muri rusange ndetse n'urw'abasaveri by'umwihariko kwibumbira mu bimina bibateza imbere bagatsinda ubukene kandi bakirinda uwababibamo amacakubiri. Yakomeje agira ati : "*Umuryango w'Abasa-veri ni uw'uru-byiruko n'abakuru barera abato; abo bose nibaharanire kugira ibyo bakora biherekejwe no kwigishwa urukundo rwabuze mu 1994, basure inzibutso nk'uko byakozwe uyu munsi, dufashe abakiri bato kwibonera ibyabaye no kumenya ukuri kwabyo, nta gushidikanya Jenoside ntizongera kubaho mu Rwanda".*

Padiri Alphonse Ndagijimana, omoniye w'abasaveri muri Diyosezi Kabgayi, yongeye kwibutsa abasaveri ko ari ngombwa kuba inkunzi z'amahoro, bakakira kandi bagatanga amahoro Nyagasani Yezu wazutse yazaniye isi. Akomeza avuga ko Kiliziya mu Rwanda iri mu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge, asaba buri musaveri kwiyunga n'Imana, akiyunga na Kiliziya, akiyunga na we ubwe ndetse akiyunga n'ibindi biremwa ; by'umwihariko yagize ati : "*Twaje muri uru rugendo duturutse mu bice binyuranye bya Diyosezi yacu ari ukugira ngo twereke abacu bazize Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 ko dushaka kwiyunga nabo ; nibwo buryo dufite bwo kubasubiza agaciro bambuwe n'ababishe".* Ati : " *Mu rwego rwo kwibuka twiyubaka, twatekereje ku misonga myinshi abarokotse Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 bafite maze itubuza gusinzira ; akaba ari muri urwo rwego twiyemeje kuremera umwe muri bo. Sinavuga ko tumufashije mubyo akeneye byinshi, ahubwo tumuhaye intango, iyi nyana izamufashe kwifasha".*

**Bernard UWAMAHORO**
**Diyosezi KABGAYI**

# KABGAYI: ABAYOBOZI BA SANTARALI, ABAKATESHISTE NDETSE N'ABAYOBOZI B'UMUHIMBAZO W'IJAMBO RY'IMANA, BIBUKIJWE KO KILIZIYA YUBAKIYE KU BUHAMYA BWABO.

Mu rwego rwo kunoza ubutumwa bwabo, Diyosezi ya Kabgayi yateguye amahugurwa y'abayobozi ba Santarali, abakateshiste ndetse n'abayobora umuhimbazo w'Ijambo ry'Imana kuva tariki ya 2/4/2018 kugeza tariki ya 6/4/2018 mu byiciro bibiri bitandukanye. Icyiciro cya mbere cyabereye muri Paruwasi ya KAMONYI mu ishuri ryitiriwe Mutagatifu Berenadeta, icyiciro cya kabiri cyabereye muri Paruwasi ya GITARAMA mu ishuri ryitiriwe Bikira Mariya Umwamikazi. Abitabiriye amahugurwa, bakaba baraboneyeho kuganira ku ngingo zitandukanye zirimo: amasakaramentu n'uko atangwa, amateka ya Kiliziya, amateka yo gucungurwa kwa muntu, umwaka udasanzwe n'ubwiyunge, uko isomo ry'iyobokamana ritangwa, indanga kwemera ya Kiliziya Gatolika (Credo), liturujiya ndetse n'uburyo umuhimbazo w'Ijambo ry'Imana uyoborwa.



***Abayobozi ba santarali, abakateshiste n'abayobozi b'umuhimbazo bitabiriye amahugurwa ari benshi.***

Mu kiganiro Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi, Nyiricyubahiro Smaragde Mbonyintege, yagejeje ku bitabiriye amahugurwa, yabibukije ko bagomba kumenya ko Kiliziya yubakiye ku buhamya bwabo bityo umuhamya wa Kristu akaba agomba kurangwa n'ibintu bibiri by'ingenzi birimo: kumenya no gukunda Imana ndetse no gukunda Kiliziya. Mu kiganiro cye yakomeje ababwira ati "*Inyigisho ya mbere ni uko muri abahamya b'urupfu n'izuka rya Kristu. Umuntu wese ukora umurimo wa gitumwa asabwa kuba ari umuhamya w'ukwemera. Ntabwo rero twabatora ngo tubashyireho, duterere iyo. Tugomba kubegera, tukabahugura, tukanibukiranya uwo murimo w'ibanze dufite.* Akaba yarakomeje agira ati "*Umubare w'abakristu mufite utambutse kure abo duhura nabo ku Cyumweru*". Yongeraho ko ubutumwa bw'aba-keteshiste, abayobozi ba za santarali n'ab'umuhimbazo, bushingiye ku bw'itange ari nabyo bituma ubukristu bugaragara kandi bukumvikana. Mu gusoza ikiganiro cye yabibukije ko Kiliziya iri mu mwaka udasanzwe w'ubwiyunge bityo anongeraho ko ibikomere by'amateka twabayemo bigihari bikagaragarira cyane cyane mu miryango.

Yabwiye abari mu mahugurwa ko bafite ubutumwa bwo gukuza umuco wo gusaba imbabazi no kubabarira bahereye mu ngo z'abakristu. Ati:"*mu rugo niho bipfira ni naho bihera bigenda neza".* Cyakora avuga ko bibasaba kubanza kwiyunga na bo ubwabo, kubana nk'abakristu nyabo no kumenya gushyikirana n'Imana. Agira ati: "*Gusaba imbabazi ngo ubohore umuntu ni ukumenya ikibi wakoze, ugafata umugambi wo kutagisubira, ukegera Imana, ukegera mugenzi wawe, ugasaba imbabazi.*

Mu gusoza amahugurwa hafashwe imyanzuro ikurikira: Abitabiriye amahugurwa biyemeje kuba abahamya ba Kristu mu buzima bwabo no gukomera ku kwemera

***Komeza ku rup.*** 8

Wondershare PDF Editor

*Ibikurikira urup. 7*

kwa Kiliziya gatolika kuko nta we utanga icyo adafite. Gutegura neza umuhi-mbazo w'Ijambo ry'Imana no kuwutandukanya n'Igitambo cy'Ukaristiya.
Kunoza no gutegura neza liturujiya ya Missa ndetse n'Ijambo ry'Imana hakanozwa n'isuku muri kiliziya n'imyambaro ya Liturujiya.
Kurushaho kwegera abakristu no kunoza imigenzo myiza ya Gikirisitu.
Gukomeza gutoza no kubaka umuco wo gusaba no gutanga imbabazi byo soko nyakuri y'ubwiyunge.
Kwimakaza umuco wo gusoma Ijambo ry'Imana, kurizirikana no kubitoza abandi.
Kurinda no gusigasira ubutaka bwa Kiliziya kugira ngo hatagira uburengera.
Gukomeza gutegura amahugurwa y'abakateshiste ku rwego rwa Paruwasi kugira ngo barusheho kunoza umurimo wabo.

Tubibutse ko abitabiriye amahugurwa bagera kuri 670 baturutse muri Paruwasi 29 zigize Diyosezi ya Kabgayi .

**Bernard UWAMAHORO**
**Diyosezi ya KABGAYI.**

## WARI UZI IKIGEGA CY'UBUREZI FoREC - DIOCESE KABGAYI?

Ishuri ryakureze, rikakurerera abana ntirikagwe urebera. Wari uzi ikigega FoREC? Twisanire amashuri Gatolika yo kwandagara yaraduhetse?

FoREC
DIOCESE KABGAYI

**Shyira inkunga yawe kuri konti iri muri Banki y'Abaturage y'U Rwanda: 441-3795853-11**

### IFATABUGUZI RY'AKANYAMAKURU KAWE « MWIGISHA »

*Uzuza uru rupapuro maze urukate, cyangwa wandike ku rundi, urutwohererereze hamwe n'amafaranga y'ifatabuguzi kuri adresi iri hasi.*

Amazina y'ufata ifatabuguzi *(ishuri/paruwasi/santarali/umuntu ku giti cye)*: ______________________________

Santarali : ______________ Paruwasi : ______________ Diyosezi : ______________

B.P. : ______________ E-mail : ______________

*Niba ushaka ifatabuguzi ry'abantu benshi (abarimu b'ishuri ryawe/abakateshiste/abandi),shaka urundi rupapuro urwandikeho lisiti yabo, urwomeke kuri uru.*

*Dore uburyo wanyuramo kugira ngo wishyure ifatabuguzi :*

- Kwizanira amafaranga i Kabgayi ku biro bya Diyosezi bishinzwe amashuri Gatolika n'Imyigishirize y'Iyobokamana ;
- Kuyanyuza kuri Paruwasi yawe (ukareba Padiri ushinzwe amashuri cyangwa Padiri Mukuru);
- Kuyanyuza kuri konti N° **0217/ 0119702 / 001 / 5101 / 000** iri muri GT BANK-MUHANGA, ukandikaho ibi bikurikira : ***Abonnement « Mwigisha ».*** Warangiza ukatwohererereza bordereau de versement ya GT BANK. Ushobora kandi kuyashyira kuri konti **N° 03010729** iri muri RIM s.a, ishami rya Kabgayi.

***Icyitonderwa***: Reba ibiciro by'ifatabuguzi ku mpera z'iyi paji . Urahasanga kandi na adresi yacu.

***GURA, WISOMERE « MWIGISHA ». MAZE UJIJUKIRWE N'UKWEMERA KWAWE. KURIKIRANA AMAKURU YA KILIZIYA N'AY'UBUREZI***

### IFATABUGUZI KU MWAKA

*Mu Rwanda*
- Courrier Mission: 1000 RWF
- Mu Iposta: 2500 RWF

*Mu mahanga:*
- Afrika: 10 USD
- Uburayi: 10 EUR
-Ahasigaye: 15 USD

Muyobozi w'ishuri, gurira abarezi bawe «Mwigisha»!
*******
Padiri Mukuru, nawe Muyobozi wa Santarari, mwibuke ifatabuguzi ry'Abakateshisti banyu!

### ADERESI YACU

**MWIGISHA**
**Représentation Diocésaine de l'Enseignement Catholique & Inspection Confessionnelle/ Bureau Diocésain de Catéchèse (BDC) -** DIOCESE DE KABGAYI
B.P. 66 GITARAMA/Rwanda
Tél: 0788221381 / 0729221381
0788763226 / 0722763226
E-mail: redensecathobgayi@gmail.com;
E-mail:kimjeud@yahoo.fr



| AKANAMA K'UBWANDITSI | |
|---|---|
| Padiri KIMENYI NKAKA Jean de Dieu | Umuyobozi |
| Padiri Fidèle MUTABAZI | Umuyobozi wungirije |
| Bernard UWAMAHORO | Umunyamabanga, umwaditsi, ifatabuguzi, n'ishyingu-ranyandiko |
| Claudien KARANGWA | Umwanditsi n'umu-jyanama |
| Alexis NDAMYUMUGABE | Umwanditsi n'umujyanama |
| Diogène NDAGIJIMANA | Umwanditsi n'umujyanama |
| Emmanuel MURENZI | Umwanditsi n'umujyanama |



***"... ntimugatume babita 'Mwigisha', kuko Umwigisha wanyu ari umwe gusa..." (Mt 23, 8)***

wondershare TM PDF Editor